**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO**

# *IGENAMIGAMBI RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO*

# *2013-2017*

Kigali, Nzeri 2013

**RESTRAD CONSULTANCY LTD & IMANZI LTD**

## IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE

| | |
|---|---|
| **BBC** | : British Broadcasting Corporation |
| **CNF** | : Conseil National des Femmes |
| **CPCs** | : Community Policing Committees |
| **EDPRS** | : Economic Development and Poverty Reduction |
| **MDGs** | : Millenium Development Goals |
| **MIFOTRA** | : Ministry of Public Service and Labour |
| **MINAFFET** | : Ministry of Foreign Affairs |
| **MINALOC** | : Ministry of Local Government |
| **MINECOFIN** | : Ministry of Finance |
| **MINEDUC** | : Ministry of Education |
| **MINICOM** | : Ministry of Trade and Industry |
| **MININFRA** | : Ministry of Infrastructure |
| **MINISPOC** | : Ministry of Sports and Culture |
| **MVK** | : Mairie de la Ville de Kigali |
| **NEC** | : National Electoral Commission |
| **NIC** | : National Itorero Commission |
| **NURC** | : National Unity and Reconciliation Commission |
| **PCK** | : Prison Centrale de Kigali |
| **PROBA** | : Proximity Business Advisory |
| **PSF** | : Private Sector Federation |
| **RBC** | : Rwanda Biomedical Center |

| | |
|---|---|
| **RCS** | : Rwanda Correctional Services |
| **RDF** | : Rwanda Defense Force |
| **RNP** | : Rwanda National Police |
| **RGB** | : Rwanda Governance Board |
| **RNP** | : Rwanda National Police |
| **VOA** | : Voice of America |

# ISHAKIRO

**IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE** .......... **II**

**ISHAKIRO** .......... **IV**

**INCAMAKE** .......... **V**

**IGICE CYA 1: INTANGIRIRO** .......... **1**

1.1. IMPAMVU Y'ITORERO RY'IGIHUGU .......... 1
1.2 ICYO AMATEGEKO, POLITIKI NA GAHUNDA ZA GUVERINOMA BIVUGA KU ITORERO RY'IGIHUGU .......... 3
1.3. IMPAMVU Y'ITEGURWA RY'IGENAMIGAMBI RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO (2013-2017) .......... 5

**IGICE CYA 2: ISESENGURA RY'UKO ITORERO RY'IGIHUGU RIHAGAZE** .......... **7**

2.1. IBIMAZE GUKORWA N'ITORERO RY'IGIHUGU .......... 7
2.2. ISESENGURWA RY'IMBARAGA, INTEGE NKE, AMAHIRWE N'INZITIZI (SWOT ANALYSIS) .......... 12
2.3. INGAMBA ZIZIBANDWAHO MU MYAKA ITANU (2013-2017) .......... 14

**IGICE CYA 3: IGENAMIGAMBI RY'IMYAKA ITANU (2013-2017)** .......... **16**

3.1. ICYEREKEZO, INSHINGANO N'INTEGO BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO .......... 16
3.2. IBITEGANYIJWE KUGERWAHO MU MYAKA ITANU (2013-2017) .......... 17
IMBONERAHAMWE Y'IBIGAMIJWE KUGERWAHO (LOGICAL FRAMEWORK) .......... 26

**IGICE CYA 4: GUSHYIRA MU BIKORWA IGENAMIGAMBI** .......... **48**

4.1 INZEGO ZIZAFASHA GUSHYIRA MU BIKORWA IRI GENAMIGAMBI .......... 48
4.2 GUHUZA IBIKORWA .......... 51

**IGICE CYA 5. UBURYO BWO GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IGENAMIGAMBI** .......... **52**

5.1. GUKURIKIRANA NO GUSUZUMA IBIKORWA .......... 52
5.2 UBURYO BWO KWAKIRA NO GUCUNGA AMAKURU .......... 52
5.3 GUKORA RAPORO .......... 54

**UMUSOZO** .......... **55**

**INYANDIKO ZIFASHISHIJWE** .......... **56**

**UMUGEREKA** .......... **57**

**INCAMAKE**

Mu Rwanda, nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Abanyarwanda bakoze byinshi mu gushaka inzira zo gukemura ibibazo binyuranye byatewe na jenoside ndetse n'ibyatumye iba. Ni muri urwo rwego Leta y'u Rwanda yasanze Itorero ari ryo rizafasha Abanyarwanda kugera ku byo biyemeje no kurushaho kubaka ubumwe n'ubufatanye mu muryango nyarwanda ufite umuco wubakiye ku ndangagaciro zituma u Rwanda rwiha agaciro, rwubahwa, rugira ijambo mu ruhando rw'amahanga, rwizihira abarutuye n'abarugenda maze rugahora rutera intambwe idatezuka igana imbere mu buryo bubereye bose kandi buri wese agizemo uruhare.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero mu ntego zayo igamije kubaka Abanyarwanda baharanira ishema ryabo, bafite indangagaciro zibaranga, bashaka impinduka nziza kandi zihuta, bagamije iterambere n'imibereho myiza yabo byubakiye ku bumwe, imiyoborere myiza n'ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ubushobozi bubarimo ubwabo ari bwo bubafasha gukora no guharanira ubukire badategereje gusindagizwa n'abandi.

Gutorezwa mu Itorero ry'Igihugu ni umwihariko w'u Rwanda kubera ko bishingiye ku mahame n'indangagaciro biri mu muco nyarwanda, ariko mu bijyanye n'Urugerero, hari ibyo dusangiye n'ibindi bihugu.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu gice cya 8 cy' irangashingiro, ritanga umurongo washingiweho mu gushyiraho Itorero ry'Igihugu, aho rivuga ibi bikurikira: «Twebwe Abanyarwanda, … tumaze kubona ko ari ngombwa gushaka mu mateka yacu amaze imyaka amagana, imigenzereze myiza yarangaga abakurambere bacu igomba gushingirwaho kugirango Igihugu kibashe kubaho no kugira ubwisanzure.......».

Mu ngingo ya 47 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, hateganijwe ko abenegihugu bafite inshingano zo kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu bitabira umurimo no kubumbatira amahoro, demokarasi, ubutabera n'uburinganire mu mibereho y'abaturage no kugira uruhare mu kurengera igihugu cyabo. Itegeko rigenga ibyerekeye gukorera Igihugu mu gisiviri cyangwa mu gisirikare» [1].

[1] Idem

Nyuma y'imyaka itanu ishize Itorero ry'igihugu rigiyeho, hashyizweho Itegeko N° 41/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo ryatangajwe mu Igazeti ya Leta Nº 29 yo kuwa 22 Nyakanga 2013. Komisiyo ni urwego rufite ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'ingengo y'imari.

Igenamigambi ry'imyaka itanu (2013-2017) riteguwe mu gihe Task Force yari yarashinzwe gutangiza Itorero ry'Igihugu imaze kumurika ibyagezweho harimo kubaka Itorero kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku Mudugudu, gutoza ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda, no guhugura abatoza b'Intore bazakomeza gutoza izindi ntore

Iri genamigambi (2013-2017) rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rirashimangira ibyagezweho kugirango ibitarabashije gukorwa n'inzitizi byagaragaye byitabweho.

Mu rwego rwo kugeza Igihugu ku ntego rusange yo kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ufite indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore, ni ngombwa ko Komisiyo y'Igihugu y'Itorero igira imikorere ishingiye ku igenamigambi ryerekana umurongo ngenderwaho ukubiyemo ingamba n'ibikorwa bizayifasha kugenda igera ku ntego yahawe. Iri genamigambi ryerekana uruhare rw'abafatanyabikorwa ndetse n'uburyo buzakoreshwa mu ikurikirana n'isuzuma bikorwa.

Igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2013-2017) ryateguwe mu buryo inzego zinyuranye zabigizemo uruhare. Uretse gusoma no gusesengura inyandiko zitandukanye zirebana na politiki na gahunda za Guverinoma zerekeranye n'Itorero ry'Igihugu, ubundi buryo bwakoreshejwe ni ukubonana n'abahagarariye inzego n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, gukorana inama n'abayobozi n'abakozi ba Komisiyo. Mu rwego rwo kubona ibitekerezo bya benshi habaye kandi umwiherero wamaze iminsi itatu wahuje abayobozi n'abakozi ba Komisiyo ku rwego rw'igihugu n'Uturere, abahagaragariye inzego za Leta (MINEDUC, MINISPOC, NEC, NURC, RNP, RDF), imiryango itegamiye kuri Leta nka Profemmes/ Twese Hamwe, n'abagize itangazamakuru. Abawitabiriye basesenguye uko Itorero ry'Igihugu rihagaze banagaragaza inkingi iri genamigambi ryubakiyeho.

Kugirango Komisiyo y'Igihugu y'Itorero igere ku nshingano ihabwa n'Itegeko, abari mu mwiherero basesenguye kandi imbaraga Komisiyo yifitemo n'amahirwe ariho muri iki gihe, intege nke zigomba kwitabwaho ndetse n'inzitizi zikwiye kubonerwa ibisubizo.

Iyi nyandiko y'igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2013-2017) igizwe n'ibice bitanu (5). Igice cya mbere kigizwe n'Intangiriro igaragaza neza ko ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu bireba abanyarwanda bose kandi mu buzima bwose, mu nzego zose z'imiyoborere, ubukungu n'imibereho myiza, bityo rikaba ryumvikana nk'umuyoboro ufasha izindi gahunda z'Igihugu kugera ku nshingano zazo.

Igice cya kabiri kigizwe n'isesengura ry'uko Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ihagaze muri iki gihe.

Isuzumwa ry'ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu kuva 2007 kugeza 2012 ryagaragaje ku buryo burambuye ibyagezweho mu rwego rwo gukangurira abantu bose Itorero ry'Igihugu, mu gutoza no kwimakaza umuco w'Ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda b'ingeri zinyuranye kuva Itorero rigiyeho muri 2007 kugeza muri 2012. Iki gice gikubiyemo incamake ku byakozwe mu kubaka Itorero ry'igihugu ku nzego zose no mu gutoza abanyarwanda b'ingeri zinyuranye. Haravugwa no kuri gahunda y'Urugerero yateguwe mu mpera za 2012 igatangira muri 2013 nayo ikaba imaze kugaragaza umusaruro. Iki gice kiragaragaza na none isesengurwa ry'imbaraga, intege nke, amahirwe n'inzitizi, n'ingamba zizibandwaho mu myaka itanu (2013-2017).

Igice cya gatatu kigizwe n'Igenamigambi ry'imyaka itanu nyirizina. Nyuma yo kugaragaza icyerekezo, inshingano n'intego rusange bya Komisiyo y'igihugu y'Itorero, haragaragazwa ibiteganyijwe kugerwaho bikubiye mu nkingi eshanu iri genamigambi ryubakiyeho ari zo:

(1) Kubaka ubushobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero,

(2) Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda,

(3) Kubaka mu rubyiruko ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'igihugu binyuze muri gahunda y'Urugerero,

(4) Kwimakaza umuco w'ubwitange n'ubukorerabushake muri gahunda z'iterambere,

(5) Kubaka ubufatanye bw'inzego mu guteza imbere umuco w'ubutore, gahunda y'urugerero n'iy'ubwitange.

Iki gice cya gatatu gisozwa n'imbonerahamwe y'ibigamijwe kugerwaho ikubiyemo inkingi, ingamba, ibikorwa n' ibipimo byabyo, abazabikora, igihe bizakorerwa n'ingengo y'imari ikenewe kugira ngo bikorwe.

Igice ya kane cyerekeranye no gushyira mu bikorwa iri genamigambi kiragaragaza inzego zizafasha gushyira mu bikorwa iri genamigambi n’ibyo zisabwa, kikanerekana uburyo bwo guhuza ibikorwa.

Igice cya gatanu gikubiyemo uburyo bwo gukurikirana no gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry’igenamigambi rya Komisiyo y’Igihugu y’Itorero, n’uburyo bwo kwakira, guhererekanya amakuru no kuyabika, kigasozwa n’uburyo bwo gukora raporo.

# IGICE CYA 1: INTANGIRIRO

Mu mateka y'u Rwanda Itorero ry'Igihugu ryari irerero ry'Abanyarwanda, rikaba umuyoboro igihugu cyanyuzagamo inyigisho zinyuranye ku muco wacyo, rikaba kandi ihuriro rikomeye ryateguraga abayobozi b'Igihugu. Abarijyagamo batozwaga kuganira kuri gahunda zinyuranye z'Igihugu no ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda , kugira ngo bamenye indangagaciro ziwurimo zagombaga kububaka mu myumvire y'ibintu, mu myifatire, mu mitekerereze, mu mikorere n'imikoranire, mu mibereho yabo no mu mibanire yabo[2].

Mu nama zo mu Rugwiro hagati ya Gicurasi 1998 na Werurwe 1999, Abayobozi Bakuru b'Igihugu bari kumwe n'abayobozi mu ngeri ziyuranye bize ku bibazo by'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, demokarasi, ubutabera, ubukungu n'umutekano. Umwe mu myanzuro yafatiwemo, ni ukongera guha agaciro umuco nyarwanda urangwamo indangagaciro zafasha kubaka umunyarwanda mwiza.

Niyo mpamvu Leta y'u Rwanda yiyemeje kuvoma mu muco nyarwanda uburyo bwiza bw'imikorere mu gusubiza ibibazo Igihugu gifite, haba mu rwego rw'imiyoborere, ubukungu n'imibereho myiza.

Igitekerezo cyo gutangiza Itorero ry'Igihugu cyavuye mu mwiherero w'Abayobozi bakuru b'Igihugu wabereye mu Kagera muri Gashyantare 2007. Ni muri urwo rwego Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 12 Ugushyingo 2007 yemeje ko Itorero ry'Igihugu risubiraho kandi rikaba uburyo bwiza bwo kwihutisha no guhindura imyumvire y'abanyarwanda hagamijwe kugera ku Cyerekezo 2020 biganisha ku iterambere.

Itorero ry'Igihugu ryasubiyeho ritangijwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ku itariki ya 16/11/2007 mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko.

## 1.1. Impamvu y'Itorero ry'Igihugu

Mbere y'ubukoloni, abanyarwanda batorezwa mu Itorero imico n'imigenzereze myiza yarangwaga n'Indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda, byababafashaga kubahana, kubana neza, kubaka ubumwe bwabo no kubukomeza, gukunda igihugu, kwanga umugayo, kubana mu mahoro, n'indi mico myiza myinshi cyane.

[2] Repubulika y'u Rwanda , Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge, Itorero ry'Igihugu, Inyandiko ihinnye y'Itorero ry'Igihugu, Kigali, Gicurasi 2009

Ibi byatumaga abato bakura basobanukiwe umuco wabo no kutawutezukaho. Intore zatozwaga kuganira kuri gahunda zinyuranye z'Igihugu no ku ndangagagaciro z'umuco nyarwanda.

Mu Rwanda, nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Abanyarwanda bakoze byinshi mu gushaka inzira zo gukemura ibibazo binyuranye byatewe na jenoside ndetse n'ibyatumye iba. Ni muri urwo rwego Leta y'u Rwanda yasanze Itorero ari ryo rizafasha Abanyarwanda kugera ku byo biyemeje no kurushaho kubaka ubumwe n'ubufatanye mu muryango Nyarwanda ufite umuco wubakiye ku ndangagaciro zituma u Rwanda rwiha agaciro, rwubahwa, rugira ijambo mu ruhando rw'amahanga, rwizihira abarutuye n'abarugenda maze rugahora rutera intambwe idatezuka igana imbere mu buryo bubereye bose kandi buri wese agizemo uruhare. Ibyo bituma Itorero ry'Igihugu rizafasha Abanyarwanda kugera ku byo biyemeje no kurushaho kubaka ubumwe n'ubufatanye mu muryango nyarwanda ufite umuco wubakiye ku ndangagaciro zituma u Rwanda rwiha agaciro.

Itorero ry'Igihugu mu ntego zaryo rigamije kubaka Abanyarwanda baharanira ishema ryabo, bafite indangagaciro zibaranga, bashaka impinduka nziza kandi zihuta, bagamije iterambere n'imibereho myiza yabo.

Itorero ry'Igihugu rigamije kandi kubaka abayobozi mu nzego zose bafite urukundo rw'u Rwanda n'abarutuye, ubushake bwo guteza imbere abo bayobora mu myumvire no mu mibereho myiza, inyota y'ubumenyi bwo guhanga udushya, ishema ryo guhiga ibyo bazageraho n'ibyo bazageza ku bo bayobora.

Umuco w'ubwitange n'ubukorerabushake wongeye kugaruka no gushimangirwa mu muryango nyarwanda mu nzego zitandukanye. Abari mu nzego z'Abunzi, Inyangamugayo z'Inkiko Gacaca, Imbangukiragutabara z'ubuzima, abagize Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, abagize Inama y'Igihugu y'Abagore n'abagize inama Njyanama mu butegetsi bw'Igihugu ni amatsinda y'Abaturage bitangiye gukorera Igihugu mu buryo bunyuranye.

Gutorezwa mu Itorero ry'Igihugu ni umwihariko w'u Rwanda kubera ko bishingiye ku mahame n'indangagaciro biri mu muco nyarwanda, ariko mu bijyanye n'Urugerero, hari ibyo dusangiye n'ibindi bihugu.

Itorero rireba Abanyarwanda b'ingeri zose n'ibyiciro binyuranye by'Abenegihugu harimo abana guhera ku myaka irindwi y'amavuko. Ku rubyiruko ruri hagati y'imyaka 18 na 35 y'amavuko ni itegeko kujya ku Rugerero. Abandi baturage batari urubyiruko bakora ibikorwa by'ubwitange n'ubukorerabushake.

### 1.2 Icyo amategeko, politiki na gahunda za Guverinoma bivuga ku Itorero ry'Igihugu

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, mu gice cya 8 cy' irangashingiro ritanga umurongo washingiweho mu gushyiraho Itorero ry'Igihugu, aho rivuga ibi bikurikira: «Twebwe Abanyarwanda, … tumaze kubona ko ari ngombwa gushaka mu mateka yacu amaze imyaka amagana, imigenzereze myiza yarangaga abakurambere bacu igomba gushingirwaho kugirango Igihugu kibashe kubaho no kugira ubwisanzure»[3]….

Mu ngingo yaryo ya 47 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, hateganijwe ko: «Abenegihugu bafite inshingano zo kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu bitabira umurimo no kubumbatira amahoro, demokarasi, ubutabera n'uburinganire mu mibereho y'abaturage no kugira uruhare mu kurengera igihugu cyabo. Itegeko rigenga ibyerekeye gukorera Igihugu mu gisiviri cyangwa mu gisirikare» [4].

Icyerekezo 2020 cyifuza ko u Rwanda rwaba Igihugu gishya, gikomeye kandi gihuje, giterwa ishema n'ibyiza biri mu muco wacyo, gihamye muri politiki kandi nta vangura rirangwa mu bagituye. Abanyarwanda bazaba abantu basangiye icyerekezo kimwe cy'ejo hazaza kandi biteguye gutanga umusanzu wabo kugira ngo ubusabane mu mibereho myiza, ubutabera no kunganya amahirwe bishinge imizi[5].

Intambwe yatewe mu miyoborere myiza mu Rwanda ishingiye kuri ibi bikurikira: ubushake bwa politiki, imiyoborere idaheza, ishyirwa mu bikorwa rya politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi no gushyiraho uburyo bwo kwikemurira ibibazo binyuze mu mihigo, umuganda, Inama y'Umushyikirano, gahunda ya VUP, Girinka, Ubudehe, ubwitange n'ubukorerabushake, ubwisungane mu kwivuza, Itorero ry'Igihugu no gushyiraho Ikigega cyo kwihesha agaciro ( Agaciro Development Fund)[6].

Itorero ry'Igihugu ryagiyeho hagamijwe gutoza abanyarwanda indangagaciro z'umuco nyarwanda no kongera imbaraga mu bikorwa by'ubwitange n'ubukorerabushake bisanzwe bikorwa. Umuco wo kwitanga

---

[3] Repubulika y'u Rwnda, Minisiteri y'Ubutabera, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, Mutarama 2011

[4] Idem

[5] Repubulika y'u Rwanda, Icyerekezo 2020 cy'u Rwanda, Nyakanga 2000

[6] http://www.minaloc.gov.rw visited on 30 April 2013

n'ubukorerabushake wagaragaye mu muryango nyarwanda mu nzego zinyurange: nk'urwego rw'Abunzi, Inyangamugayo z'Inkiko Gacaca, imbangukiratabara z'ubuzima, abagize inama y'Igihugu y'Urubyiruko, abagize Inama y'Igihugu y'Abagore n'abagize Inama Njyanama mu butegetsi bw'Igihugu[7].

Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (2010-2017) iteganya ko mu kubakira ku ntambwe yagezweho muri iyi myaka ishize no gushimangira intera n'impinduka muri politiki y'u Rwanda yatangijwe muri 1994, imiyoborere myiza u Rwanda rugezemo ifite intego yo kwimakaza ubumwe, ubunyarwanda n'ubusabane, urugwiro kandi ikaba umusemburo wo kuzamura vuba umusaruro n'iterambere byihuse[8].

Bimwe biteganijwe kugira ngo iyi ntego igerweho ni ibi bikurikira :

- gukomeza ubukangurambaga binyuze mu kubaka Itorero ry'Igihugu kugera ku rwego rw'Akagari n'umudugudu rigatoza Abanyarwanda bose barengeje imyaka 7 gukunda igihugu, bakagira ishema ryacyo, bakacyitangira mu bikorwa bitabira umurimo, ubwangamugayo, n'ubupfura kwigirira icyizere n'ubutwari mu mibereho yabo ya buri munsi mu byo bakora;
- kunoza gahunda yo kugeza ku banyarwanda b'ibyiciro binyuranye inyigisho ku burere mboneragihugu no kuri gahunda za Leta;
- gukomeza guhesha agaciro umuco nyarwanda kugira ngo indangagaciro zawo zibe umusemburo w'iterambere[9].

Gahunda y'Itorero ituma igihugu gitera imbere hakoreshejwe zimwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda. Iyi gahunda iri mu murongo w'Icyerekezo 2020, Intego z'Ikinyagihumbi (MDGs), na Gahunda y'igihugu y'Imbaturabukungu (EDPRS).

Itorero ry'Igihugu ritanga umusanzu mu gufasha gukemura cyane cyane ibibazo by'imyumvire n'imyitwarire, no gufasha guhindura imikorere idashimishije hashingiwe ku ndangagaciro zo mu muco nyarwanda; rikaba rigamije gutoza umunyarwanda ugomba kuba umusemburo w'impinduka nziza. Ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu bireba abantu bose kandi mu buzima bwose by'umunyarwanda, mu nzego zose z'ubukungu n'imibereho myiza, bityo rikaba ryafatwa nk'imbariro zo gufasha izindi gahunda z'Igihugu kugera ku nshingano zazo.

---

[7] Repubulika y'uRwanda, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Itorero ry'Igihugu, Politiki y'Itorero ry'Igihugu mu Rwanda, Ugushyingo 2011

[8] Repubulika y'u Rwanda, Gahunda ya Guverinoma 2010-2017, Ukwakira 2010

[9] Idem

## 1.3. Impamvu y'itegurwa ry'igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2013-2017)

Nyuma y'imyaka itanu ishize Itorero ry'igihugu rigiyeho, hashyizweho Itegeko N° 41/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo ryatangajwe mu Igazeti ya Leta Nº 29 yo kuwa 22 Nyakanga 2013. Komisiyo ni urwego rufite ubwisanzure mu micungire y'abakozi n'ingengo y'imari. Igenamigambi ry'imyaka itanu (2013-2017) riteguwe mu gihe Task Force yari yarashinzwe gutangiza Itorero ry'Igihugu imaze kumurika ibyagezweho harimo kubaka Itorero kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku Mudugudu, gutoza ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda, no guhugura abatoza b'Intore bazakomeza gutoza izindi ntore

Iri genamigambi (2013-2017) rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rirashimangira ibyagezweho kugirango ibitarabashije gukorwa n'inzitizi byagaragaye byitabweho.

Mu rwego rwo kugeza Igihugu ku ntego rusange yo kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ufite indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore, ni ngombwa ko Komisiyo y'Igihugu y'Itorero igira imikorere ishingiye ku igenamigambi ryerekana umurongo ngenderwaho ukubiyemo ingamba n'ibikorwa bizayifasha ntego yahawe.

Iri genamigambi kandi rizafasha kugera ku byateganijwe muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (2010-2017) no mu Gahunda y'Igihugu yo guteza imbere ubukungu no kugananya ubukene (2013-2018) binyuze mu gukomeza ubukangurambaga binyuze mu kubaka Itorero ry'Igihugu mu nzego zose, kunoza gahunda yo kugeza ku banyarwanda b'ibyiciro binyuranye inyigisho ku burere mboneragihugu no kuri gahunda za Leta no gukomeza guhesha agaciro umuco nyarwanda kugira ngo indangagaciro zawo zibe umusemburo w'iterambere.

Iri genamigambi kandi rizafasha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero gushyiraho uburyo bw'imikorere bunoze kugira ngo igere ku nshingano zayo z'ingezi zo gutoza Abanyarwanda kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere; gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa; gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu; gukorana no kugisha inama izindi nzego za Leta, izigenga n'imiryango itari iya Leta bitanga inyigisho ku ndangagaciro na kirazira;

gutegura no gukurikirana ibikorwa bya gahunda y'urugerero n'iy'ubwitange mu gihugu.

Kugira ngo igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rishobore gushyirwa mu bikorwa hakenewe uruhare rw'abafatanyabikorwa bose.

### 1.4. UBURYO BWAKORESHEJWE MU GUTEGURA IGENAMIGAMBI

Igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero 2013-2017 ryateguwe mu buryo inzego zinyuranye zabigizemo uruhare. Mu buryo bwakoreshejwe harimo gusoma no gusesengura inyandiko zitandukanye zirebana na politiki na gahunda ya Guverinoma zerekeranye n'Itorero ry'Igihugu, kubonana n'abahagarariye inzego n'abafatanyabikorwa b'Itorero, inama n'abayobozi n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.

- Gusoma no gusesengura inyandiko zinyuranye byari bigamije kumenya umurongo ngenderwaho wa politiki na gahunda bya Guverinoma ku birebana n'Itorero ry'Igihugu. Inyandiko zasomwe ziri ku mugereka wa 2.

- Kungurana ibitekerezo n'abahagarariye inzego n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'igihugu byakozwe mu buryo bw'ibiganiro. Habaye kandi umwiherero wamaze iminsi itatu wahuje abayobozi n'abakozi ba Komisiyo ku rwego rw'Igihugu n'Uturere, abahagaragariye inzego za Leta (MINEDUC, MINISPOC , NURC, RNP, RDF), imiryango itegamiye kuri Leta n'abagize itangazamakuru. Abawitabiriye basesenguye uko Itorero ry'Igihugu rihagaze banagaragaza inkingi iri genemigambi ryashingiraho;
- Kuri buri nkingi haragarajwe ingamba n'ibikorwa bikwiye kugerwaho mu myaka itanu y'iri genamigambi.
- Hashingiwe ko ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero bihuriweho n'inzego zinyuranye, mu gutegura iri genamigambi hagaragajwe imikoranire y'inzego n'uburyo bwo gusuzuma no gukurikirana uko ibyateganijwe bizajya bigerwaho.
- Inyandiko y'igenamigambi ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yemerejwe mu nama ku rwego rw'Igihugu yahuje inzego zinyuranye.

## IGICE CYA 2: ISESENGURA RY'UKO ITORERO RY'IGIHUGU RIHAGAZE

Isuzumwa ry'ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu kuva 2007 kugeza 2012 ryagaragaje ku buryo burambuye ibyagezweho mu rwego rwo gukangurira abantu bose Itorero ry'Igihugu, mu gutoza no kwimakaza umuco w'Ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda b'ingeri zinyuranye kuva Itorero rigiyeho muri 2007 kugeza 2012.

Iki gice kiragaruka ku byakozwe mu kubaka ubushobozi bw' Itorero ry'Igihugu, kubaka mu rubyiruko ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'igihugu binyuze muri gahunda y'urugerero; no kwimakaza umuco w'ubwitange n'ubukorerabushake muri gahunda z'iterambere byatangiye kandi bigomba gushimangirwa muri iri genamigambi. Iri sesengura rirasoreza ku bimaze kugerwaho mu kubaka ubufatanye bw'inzego mu guteza imbere umuco w'ubutore, gahunda y'urugerero n'iy'ubwitange, nabyo bizarushaho kunozwa mu Igenamigambi 2013-2017.

### 2.1. Ibimaze gukorwa n'Itorero ry'Igihugu

#### 2.1.1. Kubaka ubushobozi bw'Itorero ry'Igihugu

Itorero ry'Igihugu rimaze gutangizwa ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ku itariki ya 16 Ugushyingo 2007, ryahise rishingwa Komite Mpuzabikorwa iyobowe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ikaba ari nayo yateguye ikanayobora ibikorwa by'ibanze by'Itorero. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yaje gushingwa gukurikirana ibikorwa by'Itorero, ibikomatanyije na gahunda zayo yari isanganywe. Kuwa 24 Ukuboza 2008, Inama y'Abaminisitiri yashyize muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Komite Nshingwabikorwa (Task Force) y'Itorero ry'Igihugu, ihabwa inshingano yo kuyobora no guhuza ibikorwa byose by'Itorero ry'Igihugu.

Ku wa 1 Nyakanga 2009, inzego z'intore zaratowe kuva ku Mudugudu kugera ku Murenge hashingiwe ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n° 01/7/09 yo ku wa 18/6/2009. Mu mwaka wa 2012 hatangijwe Itorero mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

Hashingiwe ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri, ku wa 22 Gicurasi 2012 hakozwe ihererekanya bubasha ry'ibikorwa b'Itorero ry'Igihugu hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Ubu Itorero ry'Igihugu rirebererwa na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ishinzwe imiyoborere myiza, gukurikirana ibikorwa bikorerwa mu nzego z'ibanze no gukangurira abaturage kwitabira gahunda za Leta**.**

Ku bijyanye n'abakozi, kuva mu mwaka wa 2008 kugeza muri Nyakanga 2012 ku rwego rw'Igihugu Task Force y'itorero ry'Igihugu yari ifite abakozi 4 gusa. Mu mwaka wa 2012 yaje kongererwa abandi bakozi, bagera 19, no muri buri Karere hashyirwaho umukozi ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'itorero, ubu Itorero ry'Igihugu rikaba rifite abakozi 49.

Itegeko n° 41/2013 ryo kuwa 16 Kamena 2013 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo ryasohotse mu igazeti ya Leta n° 29 yo kuwa 22 Nyakanga 2013. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yateguye imiterere y'inzego zayo.

### 2.1.2. Gutoza intore zo mu byiciro binyuranye

Kuva kuwa 19 ugushyingo 2007, Itorero ry'Igihugu ryatangijwe mu Turere twose tw'Igihugu. Ku wa 28 Ukuboza 2007, kuri Stade Amahoro, habayeho umuhango wo kumurikira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika n'Abayobozi bakuru b'Igihugu Intore z'Itorero ry'Igihugu ku rwego rw'Akarere. Intore za buri Karere zagaragaje imihigo yazo mu gikorwa cyaranzwe no kwiyereka gitore n'ubusabane zitangaza n'izina rya buri mutwe w'Intore muri buri Karere.

Itorero ry'igihugu ni rimwe mu gihugu, rikagira «Imitwe» 30 mu Turere. Buri mutwe w'Intore muri buri Karere ufite izina ryawo. Umutwe w'Intore ushobora kugira ibyiciro byihariye, buri cyiciro nacyo kigira izina. Hari kandi n'Itorero ry'Abanyarwanda batuye mu mahanga rishobora kugira ibyiciro byihariye.

Kuva mu Ugushyingo 2007 kugeza mu mpera ya 2012, ku rwego rw'Igihugu mu byiciro binyuranye, hatojwe intore zigera kuri 284 209 nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe 1: Umubare w'Intore zatojwe ku rwego rw'Igihugu kuva 2007 kugeza 2012**

| Umwaka | Umubare w'Intore zatojwe |
|---|---|
| 2007 | 23 862 |
| 2008 | 44 288 |
| 2009 | 91 030 |
| 2010 | 38 900 |
| 2011 | 39 956 |
| 2012 | 46 173 |
| **Bose hamwe** | **284 209** |

Kugira ngo buri Ntore ive mu Itorero ifite icyo ihavanye, iteye intambwe mu myumvire, buri cyiro cy'Intore cyihitiramo izina ry'Intore kandi kikagira n'intego.

Iyo ntego buri cyiciro cy'Intore giharanira kuyigeraho mu gihe batozwa na nyuma yaho, bigashimangirwa n'imihigo buri cyiciro kigomba kwesa .

Intore zimaze gutozwa kuva Itorero ritangiye ku mudugudu ziragera kuri 814 587. Abatojwe ku rwego rw'Igihugu ni bo bafasha gutoza ku Mudugudu, mu Mashuri no mu Nzego z'Imirimo.

Muri rusange hamaze gutozwa abanyarwanda 1 098 599 mu gihugu cyose.

### 2.1.3. Ibimaze gukorwa muri gahunda y'Urugerero

Gahunda y'Urugerero yateguwe mu mpera za 2012 itangira muri 2013 nayo imaze kugaragaza umusaruro. Abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye umwaka 2012 baratojwe kuva tariki ya 30/11 kugeza tariki ya 17/12/ 2012. Barangije gutozwa, bahawe icyemezo cy'Ubutore maze batumwa ku rugerero muri gahunda zitandukanye zigamije kuzamura imibanire myiza, imibereho myiza y'abaturage n'Iterambere ry'Igihugu. Intore zose hamwe zatojwe zageraga kuri 40 730 muri zo igitsina gore zari 19 285 abo mu gitsina gabo bakaba 21,445. Mu gihe cyo gutumwa ku rugerero abitabiriye bose hamwe ni 37,660 muri zo igitsina gore zari 18 675, igitsina gabo zari 18 985, abagera kuri 3 070 ntibitabiriye**.**

Urugerero rwatangiye tariki ya 17/1/2013 rutangizwa ku mugaragaro ku rwego rw'Igihugu na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe tariki ya 22/1/2013 ari naho Ukwezi kw'Imiyoborere kwatangizwaga, uwo muhango ubera mu Karere ka Rwamagana.

Urugerero rutangijwe mu gihe cy'Ukwezi kw'Imiyoborere kwatangiye tariki ya 17/01/2013 kugeza tariki ya 15/03/2013. Ibikorwa byateganijwe gukorwa n' Urugerero muri uko kwezi kwahariwe Imiyoborere byari bibumbiye mu: bukangurambaga, kwegeranya imibare fatizo ikenewe, imirimo yo mu biro n'Ibikorwa by'amaboko.

Umusaruro w'imfura z'Urugerero ugaragarira mu bikorwa biri mu byiciro bikurikira.

- Ibikorwa byakozwe ku Rugerero mu kwezi kw'Imiyoborere n'Ubukangurambaga:
  - Gukangurira abaturage kurandura ingengabitekerezo ya jenoside n'imizi yayo;
  - Kwitabira gahunda zose zo mu cyunamo no gukangurira abaturage kuzitabira mu cyumweru cyo kwibuka jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994;
  - Ubukangurambaga mu kwitabira ubwisungane mu kwivuza;
  - Ubukangurambaga mu baturage mu kwitabira amasomero;

- Gukangurira abaturage cyane cyane urubyiruko kurwanya ibiyobyabwenge;
- Gukangurira abaturage kubana ku buryo bwemewe n'amategeko cyane cyane imiryango ibana itarasezeranye;
- Gutanga ibiganiro mu midugudu birebana n'Indangagaciro z'umuco nyarwanda, kubaka ubumwe, gukunda igihugu no kugiteza imbere;
- Gukangurira abaturage kwitabira umunsi w'Intwari n'Umunsi mpuzamahanga w'Umugore;
- Gukangurira abaturage kugira isuku mu byo bakora byose haba ku mibiri yabo n'aho batuye;
- Gukangurira abaturage kurengera ibidukikije
- Gukangurira abaturage kugira umuco wo kuzigama babitsa amafaranga muri za SACCO na banki zibegereye.

➢ Ibikorwa byakozwe ku Rugerero mu rwego rwo kwegeranya imibare fatizo ikinewe:
- Kubarura abatazi gusoma no kwandika ;
- Kubarura abantu badafite ubwisungane mu kwivuza ;
- Kubarura abasora no kubarura imitungo y'Uturere;
- Kubarura abana bataye amashuri n'abana bageze igihe cyo gutangira amashuri abanza;
- Kubarura imiryango ibana itarasezeranye byemewe n'amategeko.

➢ Ibikorwa byakozwe ku Rugerero mu nzego z'Imirimo:
- Gutanga service mu nzego z'Imirimo zitandukanye mu rwego rwo gutanga service nziza kandi zihuse. Iyo mirimo yakorewe mu bigo nderabuzima , ibiro by'Utugari, ibiro by'Uturere cyane mu mirimo irebana no kwandika ibyangombwa no ku bitanga, kwinjiza amakuru muri za mudasobwa, kwakira no kuyobora abagana inzego zimirimo bakeneye service n'indi mirimo inyuranye.

➢ Ibikorwa byakozwe ku Rugerero mu rwego rw'Imirimo y'amaboko :
- Kubakira abaturage batishoboye uturima tw'igikoni;
- Kubakira abatishoboye amazu mu rwego rwo kubashakira amacumbi;
- Intore zo ku rugerero zagize uruhare rwo kubaka ibiro by'Utugari no gutunganya imbuga "gardens" z'Ibiro;
- Intore zo ku rugerero zagize uruhare mu gucukura imirwanyasuri, gutera ibiti mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

### 2.1.4. Kwimakaza umuco w'ubwitange n'ubukorerabushake muri gahunda z'iterambere

Mu myumvire y'Abanyarwanda, "Ubukorerabushake" busobanura "Ubwitange", bishaka kuvuga igikorwa umuntu akora ku bushake bwe, nta gahato, kandi akagikora abikuye ku mutima kandi abikunze. Nk'uko Politiki y'Itorero ry'Igihugu ibisobanura, ubukorerabushake ni umuco abantu bagira wo gukora ibikorwa bagamije kugera ku ntego bihaye kandi bakabikora bazi ko batazabihemberwa. Ni ubushake bwo guhitamo nta gahato igikorwa gifitiye abandi akamaro batari abo mu muryango wawe cyangwa inshuti zawe.

Gukorera ubushake bigaragarira mu bikorwa rusange abaturage bahuriramo nk'umuganda, ubudehe no gutanga umusanzu. Ibindi bikorwa by'ubwitange ni iby'Abunzi, abagize Inama Njyanama, abajyanama b'ubuzima, abashinzwe umutekano ku Mudugudu (Community Policing Committees/CPCs), abakorerabushake ba "Croix Rouge", n'abandi.

### 2.1.5. Kubaka ubufatanye bw'inzego

Itorero ry'Igihugu nk'inzira iboneye y'uburere mboneragihugu, ryaje rije kunganira izindi nzego zari zisanzweho mu Gihugu, zaba iza Leta, sosiyete sivile, amadini, mu guhindura imyumvire n'imitekerereze y'abanyarwanda. Ni muri urwo rwego hubatswe imikoranire n'ubufatanye hagati y'Itorero ry'Igihugu n'izo nzego, cyane cyane hashyirwa ingufu mu gushyira hamwe ubushobozi bunyuranye (amafaranga, ubumenyi, ibikoresho bitandukanye) no kwirinda gutatanya imbaraga bigamije gutuma impinduka yifuzwa iboneka vuba. Buri rwego rwagize uruhare mu bikorwa by'Itorero, bityo gahunda y'Itorero iba gahunda isangiwe n'abandi.

Itorero ry'igihugu ryubatse ubufatanye n'imikoranire n'izindi inzego ku buryo bukurikira:

- Buri Minisiteri n'urwego rugize Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu rwatanze ku ngengo y'imari yarwo amafaranga akenewe gutoza icyiro cy'intore kiyireba, abakozi bayo bagafasha mu gutanga ibiganiro no mu bikorwa byo gukurikirana abari mu Itorero. By'umwihariko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikoresheje icapiro ryayo yatubuye ku buntu inyandiko zose zakozwe n'Itorero ry'Igihugu;

- Hubatswe ubufatanye n'imikoranire n'inzego z'umutekano mu rwego rwo kurinda umutekano w'abari mu Itorero kandi abahagarariye izo nzego bitabiriye gutanga ibiganiro mu Itorero;

- Itorero ry'gihugu ryakoranye na za Minisiteri n'izindi nzego zitari muri Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Igihugu mu rwego rwo gutoza ibyiciro bizireba nka MINICOM, MINAGRI, PSF, MVK. Izi nzego zatanze amikoro n'abakozi byafashije mu gikorwa cyo gutoza;
- Mu rwego rwo gutoza urubyiruko rw'abanyarwanda baba muri Itorero ryafatanije na Ambasade zo mu Bubiligi no muri Canada ndetse na MINAFFET mu gutoza urubyiruko rwo muri Diaspora.
- Itorero ry'Igihugu kandi ryafatanije na MINEDUC na MINAFFET n'izi nzego mu gutoza abanyeshuri b'abanyarwanda biga mu mahanga
- Mu nzego z'ibanze hubatswe ubufatanye n'imikoranire y'inzego zikorera mu buri Karere mu rwego rwo gutoza intore no gukurikirana gahunda z'Itorero ry'igihugu.

## 2.2. Isesengurwa ry'Imbaraga, Intege nke, Amahirwe n'Inzitizi (SWOT Analysis)

Igenamigambi ry'imyaka itanu (2013-2017) rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero. riteguwe kugira ngo izagere ku nshingano ihabwa n'itegeko. Hasesenguwe imbaraga yifitemo n'amahirwe ariho muri iki gihe yafasha mu gushimangira Itorero ry'Igihugu hagaragazwa kandi n'ahari intege nke hagomba kwitabwaho, ndetse n'inzitizi zigomba kubonerwa ibisubizo nkuko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe y'isesengurwa ry'Imbaraga, Intege nke, Amahirwe n'Inzitizi**

| IMBERE | |
|---|---|
| **Imbaraga** | **Intege nke** |
| ✓ Kuba haratojwe ibyiciro bitandukanye by'abanyarwanda,<br>✓ Inzego z'intore zubatse kuva ku rwego rw'Igihugu kugeza ku Mudugudu,<br>✓ Hari abatoza bahuguwe mu nzego zinyuranye bafasha mu gutoza ibindi byiciro,<br>✓ Ubwitange bw'abayobozi b'Itorero ry'Igihugu,<br>✓ Itorero ry'Igihugu rifite abakozi bamenyereye gahunda z'Itorero,<br>✓ Kuba hari imfashanyigisho zateguwe zikoreshwa mu gutoza,<br>✓ Kuba hari inyandiko zigenga ku Itorero ry'Igihugu zateguwe,<br>✓ Kuba hari Ikigo cya Nkumba Komisiyo ishobora gukoreramo ibikorwa byo gutorza, ubushakashatsi no kubika amateka. | - Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ni Urwego rukiyubaka, aho gukorera ntihahagije, n'ibikoresho biracyari bike cyane,<br>- Abakozi bake mu bijyanye no gukurikirana gahunda z'Itorero,<br>- Uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'itorero budahari,<br>- Inyandiko zigenga imikorere ya gahunda z'Itorero n' imfashanyigisho bitaranozwa,<br>- Aho gutoreza mu Turere hadahagije,<br>- Ubushobozi buke bwa Komite zishinzwe gukurikirana ibikorwa by'urugerero,<br>- Bamwe mu batoza badafite ubushobozi buhagije bwo gutoza abandi,<br>- Abafatanyabikorwa batarasobanukirwa neza gahunda z'Itorero ry'Igihugu,<br>- Kuba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero idafite amakuru ahagije ku bafatanyabikorwa muri gahunda bakora zijyanye n'ubwitange n'ubukorerabushake. |

| HANZE | |
|---|---|
| **Amahirwe** | **Inzitizi** |
| ✡ Ubushake bwa politiki bwo guteza mbere Itorero ry'Igihugu<br>✡ Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ritanga umurongo Itorero ry'Igihugu rigenderaho<br>✡ Kuba hari icyerekezo cy'Igihugu | ↳ Bamwe mu banyarwanga barwanya gahunda z'Itorero ry'Igihugu,<br>↳ Abantu bamwe bagifite ibisigisigi by'amateka mabi igihugu cyanyuzemo,<br>↳ Imyumvire y'abaturage ikiri hasi ku |

| | |
|---|---|
| cy'Iterambere (Vision 2020, EDPRS, Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 7),<br>✡ Itegeko rishyiraho Komisiyo y'igihugu y'Itorero rikagena imiterere n'imikorere yayo,<br>✡ Uburyo inzego z'imitegekere y'igihugu byorohereza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'Itorero ,<br>✡ Abanyarwanda basanganywe umuco wo gufashanya no kwitanga mu nyungu rusange,<br>✡ Itorero ry'Igihugu n'Urugerero bifite imizi mu muco no mu mateka y'u Rwanda,<br>✡ Kuba hari inzego zitabiriye gufatanya n'Itorero ry'igihugu muri gahunda zaryo,<br>✡ Kuba hari inzego za Leta zifashisha intore mu mirimo inyuranye,<br>✡ Urubyiruko rurebwa n'urugerero nirwo rugize umubare munini w'abaturage. | midugudu,<br>⇘ Ingengo y'imari igenerwa Itorero ry'Igihugu idahagije,<br>⇘ Kuba hari inzego zitarasobanukirwa neza gahunda y'Urugerero n'iy'Ubwitange,<br>⇘ Abafatabikorwa batarashobora gushyira mu igenamigambi ryabo ibikorwa byo guteza imbere no kwimakaza umuco w'ubutore ,<br>⇘ Kuba ibikorwa by'ubwitange n'ubukorerabushake bitagaragazwa mu igenamibambi ry'inzego zitandukanye zikorera mu gihugu. |

### 2.3. Ingamba zizibandwaho mu myaka itanu (2013-2017)

Muri rusange Komisiyo y'Igihugu y'Itorero izibanda ku gukomeza kubaka Itorero rikora neza mu Midugudu, mu bigo by'amashuri, mu nzego z'imirimo no mu bigo no kubyaza umusaruro izo ntore zimaze gutozwa. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero izakomeza gukangurira abanyarwanda bose kwimakaza indangagaciro na kirazira mu mibereho yabo buri munsi. Ibyo bizakorwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ikomeza gutoza ibyiciro byihariye by'abatoza b'intore mu nzego zose.

By'umwihariko Komisiyo y'Igihugu y'Itorero izibanda ku kunoza imikorere y'Urugerero no gushimangira umuco w'Ubwitange mu Banyarwanda. Gahunda y'Urugerero n'ubwo yatangiye ikeneye kunozwa kugira ngo igire umusaruro mwinshi ku gihugu no ku batumwa ku rugerero. Gusobanura no kubyaza umusaruro gahunda y'ubukorerabushake nabyo bizitabwaho nkuko biri mu nshingano ya Komisiyo.

Kugirango indangagaciro z'umuco nyarwanda zimenyekane kandi zifashishwe n'abanyarwanda bari mu nzego no mu byiciro byose, bisaba ingengo y'imari itubutse kugirango hashobore gutozwa Intore nyinshi ku nzego zose z'Igihugu no gukurikirana imikorere y'Intore muri rusange, izatumwe ku Rugerero

n’abakorerabushake by’umwihariko. Bizasaba ubufatanye hagati y’inzego zitandukanye, iza Leta n’izabafatanyabikorwa kugirango Itorero ribe koko umuyoboro wihutisha iterambere.

# IGICE CYA 3: IGENAMIGAMBI RY'IMYAKA ITANU (2013-2017)

## 3.1. Icyerekezo, inshingano n'intego bya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero

### 3.1.1. Icyerekezo cya Komisiyo y'Igihugu y'Igihugu

Icyerekezo cya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ni uko mu bihe biri imbere haba hariho "*Abanyarwanda:*

- Bafite imyumvire imwe n'indangagaciro basangiye mu kubaka ubumwe bwabo no gukunda Igihugu,
- Basobanukiwe n'imigambi y'Igihugu, uburyo bwo kuyigeraho n'uruhare rwabo mu kuyishyira mu bikorwa,
- Bifitemo icyizere cyo kwikemurira ibibazo,
- Barangwa n'icyerekezo kimwe bahuriyeho mu guharanira kwiteza imbere kandi bafite ishema ryo guteza imbere Igihugu".

### 3.1.2. Inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Itorero

Nkuko biteganywa n'ingingo ya 7 y'itegeko rishyiraho Komisiyo y'Iguhugu y'Itorero (NIC) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite inshingano zikurikira:

1. Gutoza Abanyarwanda:
    a) kugira imyumvire y'indangagaciro na kirazira basangiye mu mibanire yabo, gukunda Igihugu no kugiteza imbere;
    b) kumenya no gusobanukirwa imigambi y'Igihugu n'uburyo bwo kuyigeraho;
    c) kwigirira icyizere cyo kwikemurira ibibazo no kwihesha agaciro;
    d) kuba Intore zibereye Igihugu zigaragara mu byiciro byose kandi zikaba umusemburo w'impinduka nziza;
    e) kugira umuco w'ubwitange mu gukorera Igihugu;
    f) kugira umuco w'ishyaka n'ishema ryo guhiga no kwivuga ibigwi

2. Gutoza abayobozi kuyoborana indangagaciro no kugira ishyaka ryo kuba indashyikirwa;

3. Gutoza Abanyarwanda kwimakaza indangagaciro na kirazira byubakirwaho imibanire n'iterambere ry'Igihugu;

4. Gukorana no kugisha inama izindi nzego za Leta, izigenga n'imiryango itari iya Leta bitanga inyigisho ku ndangagaciro na kirazira;

5. Gutegura no gukurikirana ibikorwa bya gahunda y'urugerero mu Gihugu.

### 3.1.3. Intego Rusange ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite intego rusange yo kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ufite indangagaciro na kirazira z'umuco Nyarwanda kandi ufite umuco w'ubutore.

### 3.2. Ibiteganyijwe kugerwaho mu myaka itanu (2013-2017)

Igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ryubakiye ku nkingi eshanu (5) z'ingenzi zikurikira :

- ✓ Kubaka ubushobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero;
- ✓ Gutoza no kwimakaza umuco w'Ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda;
- ✓ Kubaka mu rubyiruko ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'igihugu binyuze muri gahunda y'urugerero;
- ✓ Kwimakaza umuco w'ubwitange n'ubukorerabushake muri gahunda z'iterambere;
- ✓ Kubaka ubufatanye bw'inzego mu guteza imbere umuco w'ubutore, gahunda y'urugerero n'iy'ubwitange.

### 3.2.1. Inkingi ya 1: Kubaka ubushobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero

Ibigomba kugerwaho mu kubaka ubushobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero bikubiye mu ngamba eshanu zikurikira:

- ➢ Guhuza no kunoza inyandiko ngenga za Komisiyo y'Igihugu y'Itorero no gutegura amateka n'amabwiriza agenga gahunda za Komisiyo;
- ➢ Gushyiraho abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, kubaka ubushobozi bwabo no kubagenera ibyo bemererwa n'amategeko;
- ➢ Guha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ubushobozi n'inyubako yo gukoreramo;
- ➢ Gukora ubushakashatsi bujyanye na gahunda z'Itorero no kubika amateka yaryo;
- ➢ Guhuza, gukurikirana no gusuzuma gahunda z'Itorero.

Ingamba n'ibikorwa bijyanye no kubaka ubushobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Inkingi ya 1: Kubaka ubushobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Itorero

### Guhuza no kunoza inyandiko ngenga za Komisiyo y'Igihugu y'Itorero no gutegura amateka n'amabwiriza agenga gahunda za Komisiyo

1.Gusuzuma no kunoza inyandiko ya politiki y'Itorero ry'Igihugu, Urugerero n'ubukorerabushake;
2.Gushyiraho amategeko ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero;
3.Guhuza igenamigambi rya buri mwaka ry'Itorero ni ry'Uturere;
4.Gushyiraho amabwiriza agenga gutoza mu midugudu, mu mashuri, mu nzego z'imirimo no mu byiciro byihariye;
5.Gutegura Iteka rya Perezida rigena uburyo gahunda y'urugerero ikorwa;
6.Gutegura no kwemeza amabwiriza agenga imikorere ya gahunda y'urugerero, ubwitange/ ubukorerabushake.

### Gushaka abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, kubaka ubushobozi bwabo no kubagenera ibyo bagenerwa n'amategeko

1.Gushaka abakozi ba ngombwa;

2. Guhugura abakozi bibafasha kujyana n'igihe (continuous learning);

3.Gushyiraho uburyo bunoze bwo gucunga abakozi.

### Guha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ubushobozi n'inyubako yo gukoreramo

1.Gushakira Komisiyo aho gukorera;

2.Gushakira Komisiyo ibikoresho;

3.Kugira igicumbi cy'Itorero ry'u Rwanda kandi gifite ibikoresho;

4.Gushyiraho ikigo cyo gutorezamo ku rwego rw'Igihugu, mu Turere no mu Mirenge no kubishakira ibikoresho bya ngombwa.

### Gukora ubushakashatsi bujyanye na gahunda z'Itorero ry'Igihugu no kubika amateka yaryo

1.Gukora ubushakashatsi bunoza ibyo itorero rikora (Recherche-action) hitabwa cyane cyane ku cyerecyezo cy'Igihugu (vision 2020, EDPRS, MDGs,...);

2. Gukora ubushakashatsi ku mpinduka zizanwa n'Itorero ry'Igihugu mu muryango nyarwanda;

3. Kunoza imfashanyigisho kugira ngo zijyane n'igihe;

4. Kwigira ku bikorwa ahandi bishingiye ku bushakashatsi, inama ku rwego rw'igihugu na mpuzamahanga ndetse n'ingendo shuri.

### Guhuza, gukurikirana no gusuzuma gahunda z'Itorero ry'igihugu

1. Kubaka uburyo bw' ikoranabuhanga mu gukusanya amakuru, guhuza, gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu ;
2. Gukoresha inama ngarukamwaka igaragaza uko Itorero rihagaze;
3. Gukora raporo buri mwaka igaragaza uko indangagaciro zimakazwa;
4. Gutegura gahunda z'ibikorwa n'ingengo y'imari (buri mwaka, buri gihembwe, buri kwezi);
5.Gutegura gahunda y'Igihugu yo kwimakaza indangagaciro z'umuco w'ubutore no kwihesha agaciro mu nzego zose
6. Gukurikirana uko umuco w'ubutore ushingiweho mu igenamigambi n'imitangire ya raporo y'inzego za Leta, sosiyete sivile n'imiryango itegamiye kuri Leta
7. Gutegura buri mwaka gahunda y'amasoko agomba gutangwa
8.Kumenyekanisha ibikorwa by'itorero mu banyarwanda bose (ibiganiro kuri Radio, spot publicitaire, theatre,....).

### 3.2.2. Inkingi ya 2: Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda

Ibigomba kugerwaho mu gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore mu Banyarwanda bishingiye ku ngamba eshatu, arizo:

- Gutoza no kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda mu banyarwanda
- Gutoza abatoza b'Intore
- Kunoza imikorere y'Inzego z'Intore

Ingamba n'ibikorwa bijyanye no gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Inkingi ya 2: Gutoza no kwimakaza umuco w'ubutore, kwigira no kwihesha agaciro mu Banyarwanda

### Gutoza no kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda mu Banyarwanda

1.Gutegura no kunoza imfashanyigisho zo gutoza mu byiciro byose

2.Gukurikirana uko abanyarwanda batozwa mu nzego zose (ku rwego rw'umudugudu, mu mashuri, no mu nzego z'imirimo)

3.Kugena no gutoza intore mu byiciro byihariye harimo n'Abanyarwanda baba mu mahanga

4.Gushyiraho uburyo buhoraho kandi bujyanye n'igihe bukangurira abanyarwanda kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda

5.Gukangurira abayobozi mu nzego zose kugira uruhare mu kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda

6.Gutegura no gukoresha inama ngarukamwaka ngishwanama n'inzego zifite mu nshingano kwigisha indangagaciro

7.Gushyiraho abarinzi b'indangagaciro kuri buri rwego

8.Gutegura no kwizihiza ukwezi kw'indangagaciro

### Gutoza abatoza b'Intore

1.Kugena ibigomba kuranga umutoza w'Intore no kubimenyekanisha muri buri rwego

2.Gutoranya no gutoza abatoza b'intore

3. Gutegura no gukurikirana Amahugurwa y'abatoza ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu

### Kunoza imikorere y'Intore

1.Kuvugurura, gushyiraho no kumenyekanisha amabwiriza y'imikorere y'intore

2.Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza agenga imikorere y'Intore

3.Guhugura abagize komite mpuzabikorwa ku Turere na ba focal point mu nzego z' imirimo

### 3.2.3. Inkingi ya 3: Kubaka mu rubyiruko ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'igihugu binyuze muri gahunda y'Urugerero

Muri gahunda y'Urugerero, Komisiyo y'Igihugu y'Itorero izibanda ku ngamba enye zikurikira:

- Gukangurira abanyarwanda kwitabira no gushyigikira ibikorwa by'urugerero;
- Kunoza imikorere y'amatsinda atandukanye y'urugerero;
- Kubaka uburyo urugerero rubona amikoro yunganira atangwa na Leta;
- Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya gahunda y'urugerero.

Ingamba n'ibikorwa bijyanye no kubaka mu rubyiruko ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'igihugu binyuze muri gahunda y'Urugerero bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Inkingi ya 3: Kubaka mu rubyiruko ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'igihugu binyuze muri gahunda y'Urugerero

**Gukangurira abanyarwanda kwitabira no gushyigikira ibikorwa by'urugerero**

1. Kumenyekanisha ku buryo butandukanye ibikorwa by'urugerero ;
2. Gukoresha amarushanwa ashingiye ku bikorwa by' Intore ziri ku rugerero hagamijwe kugaragaza indashyikirwa;
3. Kumurika intore z'indashyikirwa ku rugerero ku rwego rw'igihugu;
4. Kumurika Intore zisoje urugerero imbere y'abaturage ku rwego rw'umurenge;
5. Gukora ubukangurambaga mu bafatanyabikorwa hategurwa urugerero mu byiciro binyuranye.

**Kunoza imikorere y'amatsinda atandukanye y'urugerero**

1. Gutegura inyandiko ngenderwaho igaragaza uburyo amatsinda anyuranye azajya ku rugererero ;
2. Gutegura inama buri mwaka yo ku rwego rw'Igihugu yemeza ibizakorwa na buri tsinda ry'Urugerero;
3. Gutegura gahunda yo gutoza ya buri tsinda ritumwe ku rugerero ;
4. Guhugura Komite mpuzabikorwa z'urugerero "coordination committee " .

**Kubaka uburyo urugerero rubona amikoro yunganira atangwa na Leta**

1. Gukora inyigo y'ibyo intore ziri ku rugerero zakora byavamo amikoro yakunganira aya Leta;
2. Gukora inyigo y'ibyo urugerero rukenera buri mwaka n'iby' inzego zirebwa n'urugerero zisabwa ;
3. Kumenyekanisha inyigo zakozwe mu bo zireba no kuzishyira mu bikorwa;
4. Gukora ingendoshuri z'aho urugerero rufite imishinga ibyara inyungu;

**Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya gahunda y'urugerero**

1. Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'urugerero;
2. Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu ihererekanyamakuru ku bikorwa by'intore ziri ku rugerero;
3. Gushyiraho uburyo bwo gusuzuma ibikorwa by'urugerero no kugena agaciro kabyo;

### 3.2.4. Inkingi ya 4: Kwimakaza umuco w’ubwitange n’ubukorerabushake muri gahunda z’iterambere

Muri iyi myaka itanu, Komisiyo y’Igihugu y’Itorero izakomeza kwimakaza umuco w’ubwitange n’ubukorerabushake muri gahunda z’iterambere ishingiye ku ngamba enye zikurikira:

- Gukangurira abanyarwanda kwitabira no gushyigikira ibikorwa by’ubukorerabushake;
- Kunoza imikorere y’amatsinda atandukanye y’abakorerabushake;
- Kubaka uburyo gahunda y’ubukorerabushake ibona amikoro yunganira atangwa na Leta;
- Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya gahunda y’ubukorerabushake.

Ingamba n’ibikorwa bijyanye no kwimakaza umuco w’ubwitange n’ubukorerabushake muri gahunda z’iterambere bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

## Inkingi ya 4: Kwimakaza umuco w'ubwitange n'ubukorerabushake muri gahunda z'iterambere

### Gukangurira abanyarwanda kwitabira no gushyigikira ibikorwa by'ubukorerabushake

1. Kumenyekanisha ku buryo butandukanye gahunda y'ubukorerabushake;

2. Gukoresha amarushanwa ashingiye ku bikorwa by' ubukorerabushake hagamijwe kugaragaza indashyikirwa;

3.Kumurika intore z'indashyikirwa mu bukorerabushake ku rwego rw'igihugu;

4. Kumurika Intore zisoje ibikorwa by'ubukorerabushake imbere y'abaturage ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu;

5. Gukora ubukangurambaga mu bafatanyabikorwa hategurwa ibikorwa by'ubukorerabushake mu byiciro binyuranye.

### Kunoza imikorere y'amatsinda atandukanye y'abakorerabushake

1. Gutegura inyandiko ngenderwaho igaragaza uburyo amatsinda anyuranye ashobora kujya muri gahunda y'ubukorerabushake

2. Gutegura inama buri mwaka yo ku rwego rw'Igihugu yemeza ibizakorwa n'abakorerabushake

3. Gutegura gahunda yo gutoza ya buri tsinda ry'abakorerabushake babyifuza

4. Guhugura Komite mpuzabikorwa z'ubukorerabushake "coordination committee „

### Kubaka uburyo gahunda y'ubukorerabushake ibona amikoro yunganira atangwa na Leta

1. Gukora inyigo y'ibyo abakorerabushake bakora byavamo amikoro yakunganira aya Leta

2. Gukora inyigo y'ibyo gahunda y'ubukorerabushake ikenera buri mwaka n'iby' inzego zirebwa nayo zisabwa

3. Kumenyekanisha inyigo zakozwe mu bo zireba no kuzishyira mu bikorwa

4. Gukora ingendoshuri z'aho ubukorerabushake bumaze gutera imbere

### Gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya gahunda y'ubukorerabushake

1. Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'ubukorerabushake

2. Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu ihererekanyamakuru ku bikorwa by'abakorerabushake


3. Gushyiraho uburyo bwo gusuzuma ibikorwa by'abakorerabushake no kugena agaciro kabyo

### 3.2.5. Inkingi ya 5: Kubaka ubufatanye bw’inzego mu guteza imbere umuco w’ubutore, gahunda y’urugerero n’iy’ubwitange

Guhuriza hamwe ibikorwa ku rwego rw’Igihugu ni ngombwa kugira ngo intego Komisiyo y’Igihugu y’Itorero yihaye zishobore kugerwaho. Komisiyo y’Igihugu y’Itorero ifite inshingano yo guteganya imigambi, gushyira ibyateganyijwe mu bikorwa, guhuza ibikorwa, kubikurikirana no gusuzuma imigendekere ya gahunda z’Itorero ku nzego zose. Komisiyo y’Igihugu y’Itorero ihuza kandi abafatanyabikorwa kugira ngo ibikorwa by’Itorero bishobore gutegurwa no gushyirwa neza mu bikorwa. Ibyo bizasaba ko hashyirwa mu bikorwa ingamba zikurikira:

- Guteza imbere imikoranire tezwa imbere imikoranire n’ubwuzuzanye hagati ya Komisiyo y’Igihugu y’Itorero n’abandi bafatanyabikorwa;
- Kwinjiza umuco w’ubutore n’ubwitange/ubukorerabushake muri politiki na gahunda zose z’Igihugu.

Ingamba n’ibikorwa bijyanye no kubaka ubufatanye bw’inzego mu guteza imbere umuco w’ubutore, gahunda y’urugerero n’iy’ubwitange bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.



**Imbonerahamwe y'ibigamijwe kugerwaho (Logical framework)**

Igenamigambi rya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ry'imyaka itanu 2013-2017 riteguwe nyuma y'isuzumwa ry'igenamigambi 2009-2012 ryagaragaje intambwe ishimishije Task Force y'Itorero ry'igihugu yari imaze gutera mu gihe gito yari imaze.

Ni ngombwa ko Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yiyemeza gukomeza icyerekezo yafashe kandi ikarushaho kunoza no gushimangira ibyagezweho. Imbonerahamwe ikurikira ikubiyemo icyerekezo cy'aho imyaka itanu izasiga Komisiyo y'Igihugu y'Itorero igeze n'ibipimo bizayifasha kumenya uko ibyateganyijwe bigenda bigerwaho. Imbonerahamwe iragaragaza buri gikorwa, uzagikora, igihe azagikorera n'amafranga akenewe azashakwa kugirango gikorwe.

**Imbonerahamwe: Inkingi, Ingamba, ibipimo, ingengabihe n'ingengo y'imari ikenewe**

| Inkingi, Ingamba n' Ibikorwa | Ibipimo by'igikorwa | Imibare fatizo 2012 | Ikigamijwe 2017 | Aho amakuru ashakirwa | Inzego zibishinzwe | Igihe bizakorerwa/Umwaka | | | | | Amafaranga akenewe RWF |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | |
| **Inkingi ya 1: Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifite ubushobozi** | | | | | | | | | | | |
| **Ingamba 1.1: Guhuza no kunoza inyandiko ngenga za Komisiyo y'Igihugu y'Itorero no gutegura amateka n'amabwiriza agenga gahunda za Komisiyo** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 1.1.1 Gusuzuma no kunoza inyandiko ya politiki y'Itorero ry'Igihugu, Urugerero n'ubukorerabushake | Inyandiko ya Politiki y'Itorero ry'Igihugu ivuguruye yemejwe | Politiki 2: Itorero n'Ubukorerabushake | 1 | Raporo ya NIC | Board of Commissionners | | | | | | 12 000 000 |
| 1.1.2 Gushyiraho amategeko ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero | Inyandiko y'amategeko ngangamikorere yemejwe kandi akurikizwa | 0 | 1 | Raporo ya NIC | Board of Commissionners | | | | | | 10 000 000 |
| 1.1.3 Guhuza | Umubare w'Uturere | 0 | 30 | Raporo ya | Board of | | | | | | 50 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| igenamigambi rya buri mwaka ry'Itorero ni ry'Uturere | twahuje igenamigambi ryatwo n'iry'Itorero buri mwaka | | | NIC | Commissionners | | | | | | |
| 1.1.4 Gushyiraho amabwiriza agenga gutoza mu midugudu, mu mashuri no mu byiciro byihariye | Inyandiko y'amabwirizwa yemejwe kandi akurikizwa | 0 | 1 | Raporo ya NIC | Board of Commissionners | | | | | | 10 000 000 |
| 1.1.5 Gutegura Iteka rya Perezida rigena uburyo gahunda y'urugerero ikorwa | Igazeti ya Leta Iteka rya Perezida ryasohotsemo | 0 | 1 | Raporo ya NIC | Board of Commissionners | | | | | | 10 000 000 |
| 1.1.6 Gutegura no kwemeza amabwiriza agenga imikorere ya gahunda y'urugerero/ ubukorerabushake | Inyandiko y'amabwiriza agenga imikorere ya gahunda y'urugerero n'ubukorerabushake | 0 | 1 | Raporo ya NIC | Board of Commissionners | | | | | | 10 000 000 |
| Ingamba 1.2: Gushaka abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, kubaka ubushobozi bwabo no kubagenera ibyo bagenerwa n'amategeko | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 1.2.1 Gushaka abakozi ba ngombwa | Umubare w'abakozi bashya bashyizwe mu myanya | 19 | 48 | Raporo ya NIC | Financial & Administation Unit | | | | | | 1 000 000 000 |
| 1.2.2 Guhugura abakozi bibafasha kujyana n'igihe (continuous | Ijanisha ry'abakozi bahuguwe mu bumenyi | 0% | 100% | Raporo ya NIC | Financial & Administation Unit | | | | | | 500 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| learning) | bukenewe buri mwaka | | | | | | | | | | |
| 1.2.3 Gushyiraho uburyo bunoze bwo gucunga abakozi | Amabwiriza agenga imicungire y'abakozi (Procedure Manuals) | 0 | Bitarenze 2014 | Raporo NIC | Financial & Administation Unit | | | | | | 1 00 000 000 |
| Ingamba 1.3 : Guha Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ubushobozi n'inyubako yo gukoreramo | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 1.3.1 Gushakira Komisiyo aho gukorera | Inyubako yisanzuye Komisiyo ikoreramo | 0 | Bitarenze 2014 | Raporo NIC | Financial & Administation Unit | | | | | | 1 000 000 000 |
| 1.3.2 Gushakira Komisiyo ibikoresho | Ijanisha ry'ibikoresho Komisiyo ifite | 20% | 100% | Raporo NIC | Financial & Administation Unit | | | | | | 500 000 000 |
| 1.3.3 Kugira igicumbi cy'Itorero ry'u Rwanda kandi gifite ibikoresho | Inyubako y'igicumbi cy'Itorero ifite ibikoresho bya ngombwa | 0 | Bitarenze 2015 | Raporo NIC | Commissioner in charge of Ubutore Dvt Center,<br><br>Financial & Administation Unit | | | | | | 1000 000 000 |
| 1.3.4 Gushyiraho ikigo cyo gutorezamo ku rwego rw'Igihugu, mu Turere no mu Mirenge no kubishakira ibikoresho bya | Inyubako ku rwego rw'Igihugu no mu Turere twose | 1 | Bitarenze 2015 | | Commissioner in charge of Ubutore Dvt Center,<br><br>Financial & Administation Unit | | | | | | 10 000 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ngombwa | | | | | | | | | | | |
| Ingamba 1.4: Gukora ubushakashatsi bujyanye na gahunda z'Itorero no kubika amateka yaryo | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 1.4.1 Gukora ubushakashatsi bunoza ibyo itorero rikora hitabwa cyane cyane ku cyerecyezo cy'Igihugu (Vision 2020, EDPRS, MDGs,...) | Nibura ubushakashati bumwe buri nyaka ibiri | 0 | 3 | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 500 000 000 |
| 1.4.2 Gukora ubushakashatsi ku mpinduka zizanwa n'Itorero ry'Igihugu mu muryango nyarwanda | Nibura ubushakashati bumwe buri nyaka ibiri | 0 | 2 | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 200 000 000 |
| 1.4.3 Kunoza imfashanyigisho kugira ngo zijyane n'igihe | Ijanisha ry'imfashanyigisho zijyanye n'igihe | 0% | 100% | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 100 000 000 |
| 1.4.4 Kwigira ku bikorwa ahandi bishingiye ku bushakashatsi, inama ku rwego rw'igihugu na mpuzamahanga ndetse n'ingendo shuri | Ijanisha ry'Abakozi bagiye mu ingendoshuri mu bindi bihugu | 0% | 50% | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 500 000 000 |

| Ingamba 1.5 : Guhuza, gukurikirana no gusuzuma gahunda z'Itorero | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | | |
| 1.5.1 Kubaka uburyo bw' ikoranabuhanga mu gukusanya amakuru, guhuza, gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero | Software equipement, Website, social media, Tele-conference, JOC, interface communication system, telephone-user group, IT infrastructure ihuza Urwego rw'Igihugu n'Inzego zo hasi | 0 | Bitarenze 2014 | Raporo NIC | Executive Secretary, MMU, NSU, VU | | | | | | | 500 000 000 |
| 1.5.2 Gutegura gahunda y'igihugu yo kwimakaza indangagaciro z'umuco w'ubutore , kwigira no kwihesha agaciro mu nzego zose | Inyandiko ya gahunda y'igihugu yo kwimakaza indangagaciro z'umuco w'ubutore , kwigira no kwihesha agaciro mu nzego zose yemejwe | 0 | Bitarenze 2014 | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | | 50 000 000 |
| 1.5.3 Gukurikirana uko umuco w'ubutore ushingiweho mu igenamigambi n'imitangire ya raporo ry'Inzego za Leta, sosiyete sivile n'imiryango itegamiye kuri Leta | Ijanisha ry'Inzego zigaragaza mu igenamigambi na raporo ko zashingiye ku muco w'ubutore | 0% | 50% | Raporo NIC | PME unit | | | | | | | 50 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1.5.4 Gukoresha inama ngarukamwaka igaragaza uko Itorero ry'Igihugu rihagaze (Itorero status) | Raporo yihariye y'Inama buri mwaka | 0 | 5 | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 75 000 000 |
| 1.5.4 Gutegura gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari (buri mwaka, buri gihembwe, buri kwezi) | Inyandiko ya gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka | 1 | 5 | Raporo NIC | Board of Commissioners,<br>Executive Secretary | | | | | | 50 000 000 |
| 1.5.5. Gutegura buri mwaka gahunda y'amasoko agomba gutangwa | Gahunda y'amasoko yatangajwe buri mwaka | 0 | 5 | Raporo NIC | Executive Secretary | | | | | | 10 000 000 |
| 1.5.6 Kumenyekanisha ibikorwa by'Itorero mu banyarwanda bose ( Ibiganiro kuri Radio, TVR, Itangazamakuru) | Umubare w'ibiganiro byahise mu bitangazamakuru binyuranye | Radio, TVR | Ikiganiro buri cyumweru | Raporo NIC | Board of Commissioners,<br>Executive Secretary | | | | | | 150 000 000 |
| **Inkingi ya 2: Abanyarwanda b'ingeri zose barangwa n'umuco w'Ubutore, kwigira no kwihesha agaciro** | | | | | | | | | | | |
| **Ingamba 2.1 : Gutoza abanyarwanda b'ingeri zose ku ndangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 2.1.1 Gushyiraho uburyo buhoraho kandi bujyanye n'igihe bukangurira | Ijanisha ry'abanyarwanda bagezwaho | 50% | 80% | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | **500 000 000** |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| abanyarwanda kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda (Ikinamico y'uruhererekaneTVR-message,...); | ubukangurambaga kuri gahunda z'Itorero | | | | | | | | | | |
| 2.1.2 Gukangurira abayobozi mu nzego zose kugira uruhare mu kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda | Ijanisha ry'inzego abayobozi ba Komisiyo bakoranye nazo inama zihariye | 10% | 80% | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 500 000 000 |
| 2.1.3 Gukurikirana uko abanyarwanda batozwa mu nzego zose (ku rwego rw'umudugudu, mu mashuri, no mu nzego z'imirimo, ibyiciro byihariye ) | Ijanisha ry'ubwiyongere bw'abanyarwanda batojwe | 1% | 10 % buri mwaka | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 500 000 000 |
| 2.1.4 Gutegura no kunoza imfashanyigisho zo gutoza mu byiciro byose | Ijanisha ry'imfashanyigisho zateguwe/zavuguruwe kuri buri cyiciro cy'Intore buri mwaka | 30% | 100% | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 500 000 000 |
| 2.1.5 Kugena no gutoza intore mu byiciro byihariye | Umubare w'ibyiciro byihariye bitozwa buri mwaka | 28 | 50 | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 5 000 000 000 |
| 2.1.6 Gutegura no gukoresha inama ngishwanama ngarukamwaka n'inzego zifite mu nshingano kwigisha indangagaciro | Raporo yihariye y'inama buri mwaka | 0 | 5 | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 75 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 2.1.7 Gushyiraho abarinzi b'indangagaciro kuri buri rwego | Ijanisha ry'inzego zashyizeho abarinzi b'indangagaciro | 0% | 100% | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 100 000 000 |
| 2.1.8 Gutegura no kwizihiza ukwezi kw'ingagaciro mu gihugu hose | Insanganyamatsiko y'ukwezi kw'indangagaciro buri mwaka | 0 | 5 | Raporo NIC | Board of Commissioners | | | | | | 500 000 000 |
| **Ingamba 2.2 : Gutoza abatoza b'Intore** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 2.2.1 Gutegura no kunoza imfashanyigisho hashingiwe ku byiciro by'abatozwa no kuzisakaza | Umubare w'imfashanyigisho zijyanye na buri cyiciro cy'Intore zitozwa | 36 | 50 | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 500 000 000 |
| 2.2.2 Gutoranya no gutoza abatoza b'intore | Umubare w'abatoza b'Intore batojwe hakurikije ibyiciro ku buri rwego | 284 207 | 1000 000 | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 150 000 000 |
| 2.2.3 Gutegura no gukurikirana Amahugurwa y'abatoza ku rwego rw'Akarere no ku rwego | Umubare w'amahugurwa yakurikiranywe buri mwaka | 28 | 300 | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU | | | | | | 500 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| rw'Igihugu | | | | | | | | | | | |
| **Ingamba 2.3 : Kunoza imikorere y'inzego z'intore** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 2.3.1 Kuvugurura, gushyiraho no kumenyekanisha amabwiriza y'imikorere y'intore | Ijanisha ry'inzego zikora zikurikije amabwiriza agenga imikorere y'inzego z'intore n'imikoranire yazo n'izindi nzego | 0% | 100% | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU, Districts | | | | | | 150 000 000 |
| 2.3.2 Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza agenga imikorere y'Intore | Ijanisha ry'umubare w'abagize komite mpuzabikorwa bujuje ibisabwa n'amabwiriza | 0% | 100% | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU, Districts | | | | | | 500 000 000 |
| 2.3.3 Guhugura abagize komite mpuzabikorwa ku Turere na ba focal point mu nzego z' imirimo | Ijanisha ry'umubare w'abagize komite mpuzabikorwa na Focla point bahuguwe | 0% | 100% | Raporo NIC | Commissioner in charge of Mentoring, MMU, Districts | | | | | | 500 000 000 |
| **Inkingi ya 3 : Urubyiruko rurangwa n'ubuvandimwe, ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda z'Igihugu binyujijwe muri gahunda y'urugerero** | | | | | | | | | | | |
| **Ingamba 3.1 : Gukangurira urubyiruko kwitabira gahunda y'urugerero** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 3.1.1. Kumenyekanisha ku buryo butandukanye ibikorwa by'urugerero harimo:<br>- Gukoresha inama ibyiciro bitandukanye by'abanyarwanda,<br>- Ibiganiro kuri Radio na Televisiyo,<br>- Kwamamaza (spot publicitaire),<br>- Ibinyamakuru binyuranye,<br>- Amarushanwa y'ibihangano kuri gahunda y'urugerero | Ikigereranyo cy'abanyarwanda bemeza ko bagejejweho nibura inshuro imwe gahunda y'Urugerero | 20% | 80% | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU | | | | | | 500 000 000 |
| **3.**1.2. Gukoresha amarushanwa ashingiye ku bikorwa by' Intore ziri ku rugerero hagamijwe kugaragaza indashyikirwa | Ikigereranyo cy'ibikorwa by'indashyikirwa byatoranyijwe mu gihugu hose | - | 100 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU, Districts | | | | | | 500 000 000 |
| 3.1.3 Kumurika intore z'indashyikirwa ku rugerero ku rwego rw'igihugu | Umubare w'indashyikirwa zamuritswe ku rwego rw'igihugu buri mwaka | - | 150 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU, Districts | | | | | | 300 000 000 |
| 3.1.4 Kumurika Intore zisoje urugerero imbere | Umubare w'Imirenge yagaragaje muri raporo | - | 416 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National | | | | | | 150 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| y'abaturage ku rwego rw'umurenge | igikorwa cyo kumurika abarangije urugerero buri mwaka | | | | Service, NSU, Districts | | | | | | |
| 3.1.5 Gukora ubukangurambaga mu bafatanyabikorwa mu gihe hategurwa urugerero mu byiciro binyuranye. | Ikigereranyo cy'inzego zitabiriye inama zitegura urugerero | - | 100 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU, Districts | | | | | | 150 000 000 |
| **Ingamba 3.2 Kunoza imikorere y'amatsinda atandukanye y'urugerero** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
| 3.2.1 Gutegura inyandiko ngenderwaho igaragaza uburyo amatsinda anyuranye azajya ku rugererero (abanyeshuri biga muri kaminuza n'andi mashuri makuru, abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye, urubyiruko rutize, abakozi ba Leta, abikorera, abanyarwanda baba mu mahanga, n'ayandi...) | Kuba inyandiko ngenderwaho irihi kandi ikurikizwa | 0 | Bitarenze 2014 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU | | | | | | 50 000 000 |
| 3.2.2 Gutegura inama buri mwaka yo ku rwego rw'Igihugu yemeza | Raporo y'inama ku rwego rw'igihugu | 0 | 5 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National | | | | | | 75 000 000 |

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ibizakorwa na buri tsinda ry'Urugerero | | | | | Service, NSU | | | | | | |
| 3.2.3. Gutegura gahunda yo gutoza ya buri tsinda ritumwe ku rugerero | Inyandiko isobanura gahunda yo gutoza buri tsinda ritegurwa gutumwa ku rugerero | 0 | 5 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU | | | | | | 1 00 000 000 |
| 3.2.4 Guhugura Komite mpuzabikorwa z'urugerero "coordination committee " | Ijanisha rya Komite mpuzabikorwa z'urugerero zahuguwe | 0 | 416 | Raporo NIC | Commissioner in charge of National Service, NSU | | | | | | 500 000 000 |
| **Ingamba 3.3: Kubaka uburyo urugerero rubona amikoro yunganira atangwa na Leta** | | | | | | | | | | | |
| **Ibikorwa** | | | | | | | | | | | |
